# Noveni itegura Umunsi Kiliziya Gatolika yashyizeho wo kwibuka no gusabira abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

**#KWIBUKA29**

Bakristu Bavandimwe,

Uwa gatandatu wa mbere w'ukwezi kwa Gicurasi, Kiliziya Gatolika mu Rwanda yawuhariye kwibuka no gusabira abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994. Muri uyu mwaka, iryo sengesho riteganyijwe ku itariki ya 6 Gicurasi 2023. Mu rwego rwo kwitegura uwi munsi, Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro mu Nama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda ( CEJP) yateguye Noveni ifite insanganyamatsiko igira iti: ''**TWIMIKE UBUVANDIMWE KANDI TWOMORANE IBIKOMERE".**

Iyi Noveni izatangira ku wa **27/04 kugeza 05/05/2023**. Izakorerwa mu miryangoremezo, mu ngo z'abakristu no mu matsinda y'abakristu mo mu ngo z'abapadiri n'abiyeguriye Imana. Umuntu ashobora no kuyikora ku giti cye.

Ni umwanya mwiza wo gusabira abahitanywe na Jenoside yakorewe Abatutsi, abo yasigiye ibisare ku buryo butandukanye. Ni umwanya kandi wo gusaba ngo inabi itsindwe burundu mu mitima y'abanyarwanda, himikwe ubumuntu, ubuvandimwe n'ubukristu nyabwo bwubaha ubuzima.

**Gahunda ya buri munsi**

## Umunsi wa mbere : Ku wa kane 27/04/ 2023

**-Indirimbo:** Ni wowe Bugingo budashira
**-Isengesho** rya Sinodi
**" Kwibuka urukundo ruhebuje Imana yadukunze"**
**-Ijambo y'Imana: 1 Yoh 3,1-2**
**-Umuyoboro w'ibitekerezo:** *Umuntu wese yaremwe mu ishusho ry'Imana*.

Ibyanditswe Bitagatifu bitubwira ko Imana yaturemye mu ishusho yayo no mu misusire yayo, iha muntu kugenga ibindi yari imaze kurema (Intang 1, 26). Ibyanditswe bikongera biri "Imana ireba ibyo yari imaze gukora byose isanga ari byiza rwse" (Intang 1, 31). Imana yaturemanye urukundo, iturema tureshya, tunganya icyubahiro mu maso yayo. Yatugize agatangaza rwose. Zaburi ya 8 ivuga agciro k'umuntu iragira iti "Rwose habuzeho gato ngo umunganye n'imana; umutamiriza ikamba ry'ikuzo n'uburanga, umugira umwami w'ibyo waremye, umwegurira byose ngo abitegeke (Zab 8, 6-7).

Niba Imana yarakunze umuntu ityo, njye ndinde wo kwimika urwango mu mutima? Muri iki gihe cyo gusabira no kwibuka abacu bahitanywe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, tuzirikane ko muri aya mateka, Abanyarwanda batari bake batatiye urukundo rwa kivandimwe, barahemuka. Basibye ishusho y'Imana muri bagenzi babo, bigira abagenga b'ubuzima. Dusabe Imana ngo yongere ibibe mu mitima yacu, cyane cyane iy'abato, imbuto

nyazo z'urukundo rwitanga kandi rwagutse.

**-Umugambi: Kuzirikana agaciro buri wese afite mu maso y'Imana n'urukundo imukunda**
**-Isengesho** rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi
**-Dawe Uri mu ijuru**
**-Ndakuramutsa Mariya**
**-Hubawe Imana Data**
**"Nyagasani bahe iruhuko ridashira maze urumuri rw'iteka rubamurikire, baruhukire mu mahoro".**

## Umunsi wa kabiri: Kuwa gatanu 28/04/2023

**-Indirimbo:** Mbahaye itegeko rishya
**-Isengesho** rya Sinode
**" Gukunda bagenzi bacu "**
**-Ijambo ry'Imana: Yoh 15, 12-13**
**-Umuyoboro w'ibitekerezo:** *Nitureke Imana itwigarure, duse na Yo koko kuko yatugize abana bayo.*

Umukristu yahawe ubushobozi bwo kubona isura y'Imana mu mwana wese, mu mugabo wese, mu mugore wese, mu murwayi, mu mbabare no mu bakene bose. Irondakoko ntirishobora guturana n'ubukristu nk'uko inabi n'ineza bitabana icyarimwe mu mutima umwe. Hari ubwo dushobora gukunda umuntu kubera ko dusangiye amavuko, ubwoko cyangwa akarere. "*Nimwikundira gusa ababakunda, muzahemberwa iki? Maze se nimuramutsa gusa abo muva inda imwe, muzaba murushije iki abandi? Ese abatazi Imana bo, si ko babigenza?"*( Mt 5,46-47). Ese iwacu mu rugo, mu muryango; mu muryango remezo hagaragara urukundo rw'ukuri ku batuye mu mbibi zawo bose? Umubano wanjye nturimo kubogama no guhengamira ku bo dusangye amateka gusa?

Mutagatifu Irenée, Umwepiskopi wa Lyon mu kinyejana cya kabiri yaragize ati: "*Ikuzo ry'Imana ni umuntu muzima*". Bivuze ko ubuzima bw'umuntu ari ubwo kubahwa cyane, kuko buri mu ishusho y'Imana.

**Umugambi:** Gukundana nkuko Yezu yadukunze

**Isengesho** rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi

**Dawe Uri mu ijuru**

**Ndakuramutsa Mariya**

**Hubahwe Imana na Data**

**"Nyagasani bahe iruhuko ridashira maze urumuri rw'iteka rubamurikire, baruhukire mu mahoro".**

## Umunsi wa gatatu: Ku wa gatandatu 29/04/2023

**-Indirimbo: Nimukomere bagaragu ba Nyagasani**

**-Isengesho** rya Sinodi

**" Gukomera ku Mana mu bigeragezo "**

**-Ijambo ry'Imana: Yakobo 1,12**

**-Umuyoboro w'ibitekerezo:** *Umuntu wiyakiriye ni we ushobora kwakira mugenzi we.*

Umuntu utiyizi neza abaho nabi. MU bihe bikomeye by'ubuzima bwacu, ni ngombwa ko turangamira Nyagasani Imana yacu, ariko tukanareba mu maso umuntu, we shusho y'Imana. Isura nyayo y'umuntu ni umutima we. Niwo uhatse byinshi. Ni wo ubundikiye amabanga atamenywa n'undi uwo ari we wese.

Nitwemere gukingura umutima wacu, tureke urumuri rwa Kristu wazutse ruwutahe. Twitegereze ububabare n'ingorane zituruka kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda maze twite kubo izo ngorane ziriho kandi tubahumurize, tubafate mu mugongo. Twitoze kubaha buri wese kandi tumubonemo isura y'Imana Umubyeyi wacu twese. Ubuvandimwe bugaragarira no mu isengesho duturira abavandimwe bagizweho ingaruka n'inabi itagira urugero yabaye mu gihugu cyacu. Twoye rero gucika intege, duhamye ibirindiro muri Uhoraho we ubwira buri wese ati "*Uri umugaragu wanjye; naragutoranyije aho kuguterera. Witinya, kuko ndi kumwe nawe, wikwiheba, kuko ndi Imana yawe. Nibyo rwose, ndagukomeje, ndagutabaye, nkuramize ukuboko kwanjye kurenganura*" (Iz 41, 9-10).

**Umugambi:** Kuba intwari no gusenga mu ngorane z'ubuzima

- **Isengesho** rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi
- **Dawe Uri mu ijuru**
- **Ndakuramutsa Mariya**
- **Hubahwe Imana na Data**

"**Nyagasani bahe iruhuko ridashira maze urumuri rw'iteka rubamurikire, baruhukire mu mahoro**".

## Umunsi wa kane : Ku cyumweru 30/04/2023

**Indirimbo :** Nyagasani umwe, Batisimu imwe, Ukwemera kumwe

**Isengesho** rya Sinodi

**" Kunga ubumwe bw'abana b'Imana "**

**Ijambo ry'Imana: 1 Kor 1, 10**

**Umuyoboro w'ibitekerezo:** *Ubumwe bwacu ni zo mbaraga zacu.*

Tumenyereye kuvuga ngo "Abashyize hamwe Imana irabasanga" kandi ni byo koko. Pawulo Mutagatifu arabibwira abakristu b'i Korinti natwe tukumviraho. Ubwitandukanye bwose bukomoka kuri Sekibi naho ugushyira hamwe hagamijwe icyiza bikaba bitangwa n'Imana ubwayo.

Amateka y'igihugu cyacu yakunze kurangwamo ubwitandukanye bushingiye ku moko no ku turere. Ni ngombwa kumva ko twese tugize umuryango umwe, maze mu kuzirikana abavandimwe bacu bahitanywe na Jenoside yakorewe Abatutsi, tukagira indahiro yo kutazigera na rimwe twongera kurangwa n'inabi n'ubwitandukanye. Amateka buri wese yanyuzemo namubere icyomoro maze agarure agatima mu gitereko, kuko Kristu ari we bumwe bwacu. Niwe turangamira maze tukagira amahoro nyayo.

Umwiryane n'ubwitandukanye mu muryango ni intangiriro yo gusenyuka kwawo. Nyamara iyo abawugize bashyize hamwe barubaka bagakomeza. N'igihugu ni uko. Niba dushaka kuba ihanga rikomeye, nitwitoze kunga ubumwe n'ubuvandimwe.

- **Umugambi:** Guharanira ubumwe no Kwirinda amacakubiri
- **Isengesho** rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi
- **Dawe Uri mu ijuru**
- **Ndakuramutsa Mariya**
- **Hubahwe Imana na Data**

**"Nyagasani bahe iruhuko ridashira maze urumuri rw'iteka rubamurikire, baruhukire mu mahoro".**

## Umunsi wa gatanu: Ku wa mbere 1/05/2023

**-Indirimbo: Murumve twana twanjye nabaraze urukundo**

**-Isengesho** rya Sinodi

**" Gufasha no kugirira impuhwe abababaye "**

**-Ijambo ry'Imana**: **Lk: 6,36**

**-Umuyoboro w'ibitekerezo:** *Mu mibanire y'abakristu nta mukristu uba Nyamwigendaho cyangwa Ntibindeba.*

Yezu yabwiye abigishwa be ati: "*Si mwe mwantoye, ahubwo ni njye wabatoye, maze mbashyiraho kugira ngo mugende mwere imbuto, kandi imbuto yanyu igumeho; bityo icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye, azakibahe. Icyo mbategetse ni uko mukundana*" (Yh 15, 16-17).

Ubukristu butwigisha gufashanya no kugirirana impuhwe nk'uko Kristu Umugenga wacu yabitwigishije. Kuba hafi umuntu uri mu ngorane ni ugushyira mu ngiro itegeko ry'urukundo twarazwe na Yezu Kristu.

Bavandimwe, aho dutuye hari abafite ingorane zitandukanye. Hari abasizwe iheruheru na Jenoside yakorewe Abatutsi, hari abarwayi, impfubyi n'abapfakazi. Ese turabamenya? Tubafasha dute? Amateka twanyuzemo atwereka ko urukundo ari rwo rwonyine ruduha icyezezi cy'urumuri. Muri iki gihe rero, nitwitoze kuba abahamya b'ubuvandimwe. N'ubwo kugirira nabi umuntu wese ariko noneho inabi ugiriye umuvandimwe, inshuti cyangwa undi muziranye iramubabaza kurushaho. Umuririmbyi wa Zaburi abivuga agira ati. " *Yabaye ari umwanzi untuka, we namwihanganira; yabaye ari umubisha unteye akantsinda, we namwibeta, nkamucika. None ni wowe tureshya, wowe dusanganywe, ukaba n'incuti yanjye y'amagara! Ni wowe twabwiranaga amabanga, tukajyana mu ngoro y'Imana dushyize hamwe*" (Zab 55/54, 13-15)

- **Umugambi**: **Kwirinda kugira nabi**
- **Isengesho** rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi
- **Dawe Uri mu ijuru**
- **Ndakuramutsa Mariya**
- **Hubahwe Imana na Data**

**"Nyagasani bahe iruhuko ridashira maze urumuri rw'iteka rubamurikire, baruhukire mu mahoro".**

## Umunsi wa gatandatu: Ku wa kabiri 02/05/2023

**-Indirimbo Indirimbo :** Mbabarira Yezu Mucunguzi

**-Isengesho** rya Sinode

**"Imbabazi zirakiza zikabohora"**

- **Ijambo ry'Imana**: **Mt 5,23-24**
- **Umuyoboro w'ibitekerezo:** *Imbabazi zifite gaciro ki mu buzima bw'abantu? Ese biroroshye gusaba imbabazi ? Biroroshye se gutanga imbabazi ?*

Gusaba imbabazi no gutanga imbabazi ni ngombwa mu buzima bw'abari mu rugendo. Icyaha cy'indengakamere cya Jenoside nticyahungabanyije gusa abayikorewe, ahubwo n'abayikoze cyabasigiye icyasha mu mutima. Ndetse cyanakomerekeje imiryango y'abagikoze. Ni ngobwa rero ko abakoze icyaha batera intambwe yo kwegera imiryango bagikoreye. Nibwo buryo bwonyine bwo gukira icyo cyasha kiri ku mutima.

Nta mahirwe yo kwinangira no kubana n'icyaha. Icyaha ni icyasha gikomeye kidutera icyangiro igihe cyose tutarakibabarirwa. Imbabazi ni zo cyuhagiro gikwiye. Gusaba imbabazi

uwo wahemukiye ni ukwiyemeza kubana n'Imana nk'inshuti. Kuguma mu cyaha ni ukwiyangisha impuhwe z'Imana.

Usabye imbabazi n'uzitanze baba biyemeje kongera kubaka iteme ry'umubano n'ubuvandimwe hagati y'imiryango. Hari abantu benshi bamaze gutera intambwe yo gusaba no gutanga imbabazi ku cyaha cya Jenoside. Reka turarikire n'abataragera kuri iyo ntera, kuyoborwa na Roho w'Imana ubabwiriza ko imbabazi zikiza kandi zomora ibikomere.

- **Umugambi: Kugira umuhate wo gusaba imbabazi no kwiyunga nabo twahemukiye**
- **Isengesho rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi**
- **Isengesho ryo kwicuza ibyaha**
- **Dawe Uri mu ijuru**
- **Ndakuramutsa Mariya**
- **Hubahwe Imana na Data**

**"Nyagasani bahe iruhuko ridashira maze urumuri rw'iteka rubamurikire, baruhukire mu mahoro".**

## Umunsi wa karindwi : Ku wa gatatu 03/05/2023

**-Indirimbo : Ndagiwe n'umushumba mwiza**

**-Isengesho** rya Sinode

**-Ijambo ry'Imana: Ef. 4, 11-15**

**-Umuyoboro w'ibitekerezo:** *Kugira ubukristu bukuze* muri iki gihe cyacu

Bakristu bavandimwe,
Ubuzima bwacu ni urugendo. Iyo ugenda wishimana kugendana n'abandi kugira ngo mutizanye imbaraga, mukomezanye. Mu rugendo, ushobora guhura n'ibisitaza ariko iyo ufite intego, urakomeza, ntucika intege. No mu rugendo rw'ukwemera ni uko, dusabwa kudacika intege.

Igipimo cy'ubukristu bukuze ni urukundo nyarwo, rwakira bose, rukababonamo abavandimwe. Pawulo Mutagatifu ati « Ahubwo nitubaho mu rukundo rutaryarya, tuzakura kandi twiyongere ubudahwema twifatanyije na Kristu utubereye umutwe » (Ef 4, 15). Muri iri sengesho ryo kwibuka no gusabira abahitanywe na Jenoside yakorewe Abatutsi, ni ngombwa kwibuka ko twagaragaje ko ubukristu bwacu butari bukuze. Dukeneye kwivugururamo imbaraga z'urukundo rukunda bose kandi rwitangira abandi. Imana niyo Mushumba mwiza tureberaho. Twirinde kumera nka Kayini! Igihe Uhoraho amubajije ati: "Abeli umuvandimwe wawe ari hehe?" Yaramusubije ati: "Simbizi! Mbese ndi umurinzi wa murumuna wanjye"? Buri wese yumve ko afite inshingano zo kwita ku buzima bwa mugenzi we.

Ubukristu bukuze ni ubushyira mu gaciro, bugaharanira igikwiye kandi bugatega amatwi ijwi ry'umutimanama. Nitwubahiriza ibyo "ntituzaba tukiri abana basabayangwa, maze ngo twangaranwe n'umuyaga ubonetse wose w'inyigisho ziturutse ku buhendanyi bw'abantu no ku buriganya bwabo bubayobya" (Ef. 4, 14). Nitwiyemeza kubaho mu kwemera kutajegajega, tuzaba turi ingirakamaro muri sosiyete yacu maze "tube abantu bashyitse, bageze ku rugero ruhamye, ruyingayinga igihagararo cya Kristu" (Ef 4, 13).

- **Umugambi:** Duharanire kugira umuco wo gushyira mu gaciro no kwita ku cyiza
- **Isengesho** rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi
- **Dawe Uri mu ijuru**
- **Ndakuramutsa Mariya**
- **Hubahwe Imana na Data**

**"Nyagasani bahe iruhuko ridashira maze urumuri rw'iteka rubamurikire, baruhukire mu mahoro".**

## Umunsi wa munani : ku wa kane 04/05/2023

**Indirimbo:** Twaje Mana yacu

**Isengesho** rya Sinode

**Ijambo ry'Imana: Rom 12, 1-3**

**Umuyoboro w'ibitekerezo:** "Nimuhinduke, mwivugururemo ibitekerezo"

Twese tuzi uburyo inabi n'ibitekerezo bibi ari byo byajyanye u Rwanda rwacu ahabi kugeza no kuri Jenoside yakorewe Abatutsi. Kandi iyo witegereje usanga ntawe iyo nabi itagezeho, ari abayikoze ari nabayikorewe, ndetse n'abatigeze bayigiramo uruhare. Twese abanyarwanda twikoreye icyasha kibi, ariko iyo twemeye kwivugurura icyo cyasha kituvaho.

Muri uru rugendo turimo rw'ubumwe, ubwiyunge n'ubudaheranwa, ni ngombwa ko uwaba akifitemo ibitekerezo by'urwango n'ubugizi bwa nabi abihagarika akiyemeza kugendera mu nzira y'amahoro n'ubuvandimwe. Tujya kugira nabi, ineza yagiye he ? Ko twaremwe n'Imana nziza, kuki tureka inabi itwinjiramo ? Ntukareke inabi ikuganza, ahubwo inabi uyiganjishe ineza (Rom 12, 21).

Mu gukomeza gusabira no kwibuka abahitanywe na Jenoside yakorewe Abatutsi, duhamye intego tudasubira inyuma. Twe abakristu, twemerere Kristu watwitangiye aganze mu muzima bwacu, duce ukubiri n'ibitekerezo bibi by'urwango n'inabi, duhindukirire ineza n'amahoro.

**Umugambi:** Gufatira hamwe ingamba zo kurwanya amacakubiri n'irondakoko cyangwa kubikumira mu mbibi z'Umuryangoremezo

**Isengesho** rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi

**Dawe Uri mu ijuru**

**Ndakuramutsa Mariya**

**Bikira Mariya Nyirimpuhwe**

**Hubahwe Imana na Data**

**"Nyagasani bahe iruhuko ridashira maze urumuri rw'iteka rubamurikire, baruhukire mu mahoro".**

## Umunsi wa cyenda: kuwa gatanu 05/05/2023

**Indirimbo:** Ni wowe Rutare rwanjye Mana yanjye

**Isengesho** : Ngwino Roho Mutagatifu

**Umuyoboro w'ibitekerezo:** *Tube ikiraro cy'ubuzima aho kuba ikiraro cy'urupfu*

**Ijambo ry'Imana: Intu 10, 37-38**

Nk'uko Petero Mutagatifu abitubwira, icyo Yezu yari azwiho, kwari ukugenda agira neza ho anyuze hose. Mu yandi magambo, aho yanyuraga hose, yatangaga ubuzima, ibyoishimo n'umunezero. Nta nabi yigeze imurangwaho, nta kinyoma kigeze gisohoka mu kanwa ke (Iz 53, 9). N'ubwo twanyuze mu mateka ashaririye, ariko Imana iduha icyizere cy'ubuzima, kandi

Urugendo rw'imbabazi, ubumwe n'ubudaheranwa ni urugendo rusubiza ubuzima abari barabutakaje kubera agahinda k'ibyababayeho, rugasubiza kandi ubuzima abari barabutakaje kubera inabi yari yarabasabitse umutima. Imbabazi dusaba kandi dutanga zitanga ubuzima. Nta kintu na kimwe gishobora gukuraho urukundo Imana idukunda. Iyo usabye imbabazi ukazihabwa uraruhuka, ukongera kumva ubaye umuntu. Iyo utanze imbabazi na none uraruhuka, intimba yagushenguraga umutima wumva iguye hasi.

Buri wese, ku ruhande rwe navuge nk'umuhanuzi Habakuki ugira ati : "*Jyewe rero ngiye gukomera ku izamu ryanjye, nkomeze mpagarare hejuru y'inkike*" (Hab 2,1). Buri wese nahagarare neza mu ruhande rwe, ahe abandi ubuzima. Twese hamwe duhane ubuzima, twubake ikiraro cy'ubuzima n'amahoro.

Ubuzima Imana yaduhaye ni bwiza, buraryoshye. Dufatanye kuburyoshya. "Ntimuzongere kugenza nk'abatazi Imana, bikurikirira ubupfu bwabo" (Ef 4,17), ahubwo muharanire

igihesha buri wese icyubahiro. Bavandimwe, "nibitume rero mucika ku binyoma, buri muntu abwire mugenzi we ukuri, kuko bamwe turi ingingo z'abandi" (Ef 4, 25).

- **Umugambi:** Gufashanya mu kubaka ejo heza ha buri wese.
- **Isengesho** rya Mutagatifu Fransisko wa Asizi
- **Dawe Uri mu ijuru**
- **Ndakuramutsa Mariya**
- **Bikira Mariya Nyirimpuhwe**
- **Hubahwe Imana na Data**

**"Nyagasani bahe iruhuko ridashira maze urumuri rw'iteka rubamurikire, baruhukire mu mahoro".**

- **Magnificat:** Roho yanjye irasingiza Nyagasani

**Mata 2023**

**©Commission Episcopale Justice et Paix (CEJP-Rwanda)**
**Email: cejprwanda1@gmail.com**

## Isengesho rya Mutagatifu Fransisiko w'Asizi

Nyagasani, ngira umugabuzi w'amahoro yawe,
Ahari urwango, mpashyire urukundo,
Ahari ubushyamirane, mpashyire kubabarirana
Ahari amacakubiri, mpashyire ubumwe
Ahari ukuyoba, mpashyire ukuri
Ahari ukujijinganya, mpashyire ukwemera
Ahari ukwiheba, mpashyire ukwizera
Ahari icuraburindi, mpashyire urumuri
Ahari agahinda, mpashyire ibyishimo.

Nyagasani,
Aho gushaka guhozwa, njye mpoza abandi.
Aho gushaka kumvwa, njye numva abandi.
Aho kwikundisha, njye nkunda abandi.

Kuko utanga ari we uhabwa
Uwiyibagirwa ari we uronka
Ubabarira, niwe ubabarirwa
Uhara amagara ye, ni we uzukira ubugingo bw'iteka.
Amen.

## ISENGESHO RYA SINODI

Tuje imbere yawe Roho Mutagatifu[1]
Twunze ubumwe mu izina ryawe,
Wowe Mujyanama wacu wenyine,
Ngwino, ugumane natwe, uture mu mitima yacu.

Twigishe inzira dukwiriye kunyura,
Twereke n'uburyo tugomba kugendera hamwe
Twe abanyantegenke n'abanyabyaha,
Uturinde kuba intandaro yo kubusanya.
Ntutume ubujiji butujyana mu nzira mbi
Cyangwa ngo tubogamire ku nyungu zacu.

Duhe kubonera ubumwe bwacu muri Wowe,
Tudatatiye inzira y'ukuri n'ubutabera,
Tugendere hamwe tugana Ubugingo bw'iteka.

Turabigusabye Wowe ukorera hose n'igihe cyose,
Mu bumwe bw'Imana Data na Mwana,
Uko ibihe bisimburana iteka.
Amen.

**+Vincent HAROLIMANA**

Umwepiskopi wa Diyosezi ya Ruhengeri akaba na Perezida wa Komisiyo y'Abepiskopi ishinzwe Amahame y'Ukwemera

[1] Isengesho rya Sinodi 2021-2023 :
« Adsum Sancte Spiritus »